REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA
GASABO

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2022 umunsi wa 22 ukwezi kwa Gashyantare;

Twebwe GAJU Jeanne, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWANTEGE Marianne;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa RUSINGIZANDEKWE Theogene mwene NGIRABABYEYI Damascene na MUKARUSAGARA Consolee, utuye mu mudugudu wa Byimana, akagari ka Musezero, umurenge wa Gisozi, akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, na KARANGWA Benoit mwene KAREKEZI na NYIRAMURUTA, utuye mu mudugudu wa Kabeza, akagali ka Kabuye, umurenge wa Jabana, akarere ka Gasabo, mu mujyi wa Kigali; **bakurikiranwe nk'abihishe ubutabera**, bakurikiranyweho icyaha cyo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano, icyaha bitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 276 y'itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 00350/IPRL GASA/2020/FM/FN kigeze mu rukiko gihabwa N° RP 00890/2020/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 16/02/2022 saa mbiri za mu gitondo, KARANGWA Benoit akitaba agasaba kuburana, ubushinjacyaha bugasaba ko kuko abonetse yabanza akabazwa n'inzego z'iperereza ; naho RUSINGIZANDEKWE Theogene akaba ataritabye; maze urukiko ruvuga ko bizasuzumwa bigafatawaho icyemezo kuwa 18/02/2022;

Tumaze kubona kuri uwo munsi hafashwe icyemezo cy'uko KARANGWA Benoit yabanza kubazwa mu nzego z'iperereza akabona kuza kuburana mu rukiko, naho RUSINGIZANDEKWE Theogene akazahamagazwa nk'uwatorotse ubutabera, urubanza rukazakomeza kuburanishwa kuwa19/04/2022 saa mbili za mugitondo;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse RUSINGIZANDEKWE Theogene kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **19/04/2022 saa mbiri za mugitondo (8h00)**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa **ku rubuga rw'urukiko rw'ikirenga.**

| | |
|---|---|
| **GAJU Jeanne** | **UWANTEGE Marianne** |
| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI** |
| **Se** | **Se** |

URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO
REPUBULIKA Y'U RWANDA